URUBYIRUKO RWA PARUWASI STELLA MARIS GISENYI RWIZIHIJE UMUNSI MUKURU WA MUTAGATIFU VALANTINI

Kuri icyi cyumweru taliki ya 14/2/2016 Urubyiruko rwa Paruwasi Stella Maris Gisenyi rwizihije umunsi w'abakundana bisunze Mutagatifu Valantini.

Mu rwego rwo kurinda ko urubyiruko rwitiranya urukundo n'irari ry'ubusambanyi, Padiri Jean de Dieu BARIGORA afatanyije n'urubyiruko ruhamya Kristu JTC (Jeunesse Temoin du Christ) bateguye ibiganiro ku rukundo nyarwo, urukundo n'iterambere, n'uko urubyiruko rwakwitwara neza ntibishinge imyaka barimo bishora mu busambanyi.

Ibi biganiro byabereye mu nzu mberabyombi ya Paruwasi ya Gisenyi no Kuri Paruwasi ya Muhato, mu kubisoza, urubyiruko rwa paruwasi Stella Maris Gisenyi rwahuriye kuri Santarali ya Rambo. Hari hanatumiwe kandi korali Intama za Yezu ndetse n'itorero rya vision Jeunesse nouvelle naryo ryari ryaje gususurutsa urubyiruko.

Ibyo biganiro byatangiye kuwa gatanu taliki 12/2/2016 kugeza ku cyumweru taliki 14/2/2016 bisozwa n'Igitambo cya Misa cyatuwe na Padiri Jean de Dieu BARIGORA, omoniye w'urubyiruko rw'iyo paruwasi.

Nyuma ya Misa hakurikiyeho umwanya w'ibibazo mu matsinda. Mu gusoza habayeho kwidagadura mu ndirimbo n’imbyino ibi byose bikaba byarabereye kuri santalari ya Rambo iherereye hafi y’uruganda rwa Bralirwa ku nkengero z’ikiyaga cya Kivu.

Hari urubyiruko rugera kuri 422, mu gusoza bose batashye bishimye kandi bishimiye ko noneho bahamagariwe gukundana urukundo nyakuri kandi bitwara nk'abakristu.